

**GUHAMAGARIRA ABABYIFUZA KWITABIRA AMAHUGURWA Y'UBURYO BWO GUKORA UBUGENZUZI KU KUNOZA IMIKORERE HASHINGIWE KW'IBWIRIZA RY'UBUZIRANENGE ISO 19001:2018**

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyateguye amahugurwa mu rwego rwo kwigisha mu buryo bwimbitse uburyo bwo gukora ubugenzuzi ku kunoza imikorere bishingiye ku ibwiriza ry'ubuziranenge (ISO 19011: 2018). Muri ayo mahugurwa, abazayitabira bazafashwa kumenya neza amahame agenderwaho mu kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza y'ubuziranenge, bazafashwa gusobanukirwa uko ubugenzuzi butegurwa, uko bukorwa n'uburyo bwo gukora raporo y'ibyavuye mu bugenzuzi mu rwego rwo gufasha kunoza imikorere hagendewe ku biteganywa n'amabwiriza y'ubuziranenge.

Ubumenyi n'ubushobozi bizatangirwa muri ayo mahugurwa bizafasha abazayahabwa gusuzuma urwego ikigo cyabo kigezeho cyubahiriza ibisabwa n'amabwiriza y'ubuziranenge mu kunoza imikorere ndetse n'uburyo bwo gufata ibyemezo n'ingamba bikwiye mu kurushaho kunoza imikorere.

Ni muri urwo rwego RSB yateguye amahugurwa ikaba iboneyeho no guhamagarira ibigo ndetse n'abantu ku giti cyabo kwiandikisha mu mahugurwa ajyanye n'uburyo bwo gukora ubugenzuzi ku kunoza imikorere bishingiye ku ibwiriza ry'ubuziranenge ISO 19011:2018, **Guidelines for Auditing Management System**. Ayo mahugurwa azamara iminsi ine (4) ateganijwe gutangira kuwa 16 kugeza 19 Mata 2024, akazabera mu muji wa Kigali ku **Ubumwe Grande Hotel**.

Abifuza kuzaza muri ayo mahugurwa bagomba kuba nibura barahawe amahugurwa ku ibwiriza rimwe ry'ubuziranenge ku kunoza imikorere (Management system standard).

Ibigo cyangwa abantu babyifuza barasabwa kuzaza ifishi y'ubusabe bwabo iboneka uciye ku murongo <https://forms.gle/stYzY1RNSnxecPt8> bitarenze ku wa 1 Mata 2024. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwe kuzuriza buri mukozi ifishi.

Kubindi bisobanuro mwabaza **MUKABAYIZERE Denyse Joy** kuri telephone igendanwa +250788212673 cyangwa ukamwandikira kuri email [dj.mukabayizere@rsb.gov.rw](mailto:dj.mukabayizere@rsb.gov.rw).

Bikorewe i Kigali, kuwa 25/03/2024.

  
**MURENZI Raymond**  
Umuyobozi Mukuru

